



Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

+ (250) 728636000 Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.victoire-ingabire.com - www.fdu-rwanda.com

Kigali - Rwanda

"Pour un Etat de Droit, la Democratie et l'Egalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

Kigali, kuwa 10 Nzeli 2014

Kwamagana itangazo rya Bwana Nkiko Nsengimana na Ndahayo Eugène

Ubuyobozi bw'ishyaka FDU-Inkingi buramagana ibikubiye mu itangazo ryashyizwe ahagaragara uyu munsu na Bwana Nkiko Nsengimana, Umuyobozi wa Komite Mpuzabikorwa, na Bwana Ndahayo Eugène, rirebana n'ubwiyunge bw'ibice "bibiri by'ishyaka".

Ubuyobozi bw'ishyaka buramenyesha abasomye iryo tangazo ko congrès yabereye mu kwezi kwa Gatanu i Breda yafashe icyemezo kuri iki kibazo. Ntabwo rero Bwana Nkiko Nsengimana afite uburenganzira na buto bwo kukivuguruza, kabone n'iyi yaba ari umuyobozi wa Komite Mpuzabikorwa, cyane cyane ko nta rwego namba ruzwi rw'ishyaka rwagishijwe inama. Ubuyobozi bw'ishyaka buributsa kandi ko congrès yabereye i Breda yatanze amabwiriza atomoye ku byo Komite Mpuzabikorwa ishobora gukora mu nzibacyuho n'ibyo idashobora gukora. Ibikubiye muri iri tangazo biri mubyo iyo congrès yategetse ko bitakorwa.

Nyuma yo gufata icyemezo cyo gusubika congrès ntawe agishije inama, Bwana Nkiko Nsengimana yongeye kwerekana ko yitiranya ubuyobozi bw'ishyaka na we ku giti cye. Kubera ko ibikubiye muri iri tangazo bireba ishyaka ryose, ntabwo umuntu umwe yakwiha uburenganzira bwo kubikora uko yishakiye mu nyungu ze bwite.

Ubuyobozi bw'ishyaka buramenyesha kandi abantu bose ko congrès yari iteganiywe ku matariki ya 13 na 14 Nzeri izaba, ikaziga n'iki kibazo.

FDU-Inkingi

Boniface Twagirimana

Umuyobozi wungirije w'agateganyo.

+ (250) 728636000

Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> -

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>